# GUTANGIZA GAHUNDA YO GUHANGA IMIRIMO KU RWEGO RW'UMUDUGUDU

**Umushinga wateguwe na** SAYIN PARTNERS Ltd

UMUDUGUDU W'INGENZI
AKAGARI KA BIBARE
UMURENGE WA KIMIRONKO
AKARERE KA GASABO
UMUJYI WA KIGALI

KU WA 25/01/2025

**Ibyo iyi gahunda ishingiyeho:**

1. **Abari mu bushomeri/abashakisha akazi:** ishingiro ry’umushinga
2. **Guhanga imirimo bihereye ku bari mu mudugudu:** impamvu iyi gahunda ari ho ihera
3. **Urugendo rwo guhanga imirimo**: Ibyo Sayin Partners Ltd izakorana n’abafatanyabikorwa
4. **Kwitura/Kwishyura ibyashowe mu guhanga imirimo**
5. **Kunoza no kwagura gahunda yo guhanga imirimo**

- **Uri mu bushomeri/ushakisha akazi**
    - Hari umuryango, urugo abamo/abarizwamo
    - Uwo muryango/urwo rugo rukaba hari isibo urimo/rurimo
    - Isibo ikaba hari umudugudu urimo…
    - Bivuze ko uwamenya abashomeri bari muri buri mudugudu yamenya abari mu gihugu cyose
- **Muri gahunda yo guhanga imirimo hibandwa:**
    - Ku kumenya uri mu bushomeri/ushakisha akazi
    - Ku kureba icyuho mu bumenyi/ubumenyingiro upimiye ku bukenewe ku isoko ry'umurimo
- Muri gahunda yo guhanga imirimo,  abayinjiyemo bitwa **"abimenyereza akazi"** cyangwa **"abafatanyabikorwa"**

**-2-**

## Guhanga imirimo kubatuye mu mudugudu: isobanurampamvu no gutangiza umushinga

- **Guhanga imirimo: Ibiteganyijwe muri NST 2[1] (2024-2029)**

| | **Ku rwego rw’igihugu** | **Ku rwego rw’umudugudu** | **Ibisobanuro** |
|---|---|---|---|
| **Imirimo iteganyijwe guhangwa mu myaka 5 (uhereye muri 2024)** | 1,250,000 | 85 | 1,250,000 (imirimo/14,837 imidugudu= 84.25. Hahanzwe imirimo **85** ku rwego rw’umudugudu, ku mirimo 1,250,00 iteganyijwe ku rwego rw’igihugu harengaho imirimo 11,145. |
| **Imirimo iteganyijwe guhangwa buri mwaka (uhereye muri 2024)** | 250,000 | 17 | 85 (imirimo)/5 (imyaka)<br>cg<br>250,000 (imirimo)/14,837 (imidugudu) |
| **Imirimo iteganyijwe guhangwa buri mwaka (uhereye muri** | 312,500 | 22 | 85 (imirimo)/4 (imyaka)<br>cg<br>312,500 (imirimo)/14,837 (imidugudu)<br><br>Hahanzwe imirimo 21 ku rwego rw’umudugudu buri mwaka, ku mirimo iteganyijwe guhangwa buri mwaka ku rwego rw’igihugu 312,500 haba haburaho imirimo 923 (=312,500-311,577). |

1 *Gahunda ya 2 y’Igihugu yo kwihutisha iterambere*

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2025)** | | | Hahanzwe imirimo 22 ku rwego rw'umudugudu buri mwaka, ku mirimo iteganyijwe guhangwa buri mwaka ku rwego rw'igihugu 312,500 harengaho imirimo 13,914 (=326,414-312,500). |

**-2-**

## Guhanga imirimo kubatuye mu mudugudu: isobanurampamvu no gutangiza umushinga

- **Gutangiza umushinga (VJCM) wo guhanga imirimo**
    - Intego ni ugukorera gahunda yo guhanga imirimo mu mudugudu wo mu mujyi (urban village) no mu mudugudu wo mu cyaro (rural village).
    - Muri buri mudugudu biteganyijwe ko gahunda izamara umwaka (2025-2026; 2026-2027)
    - Umushinga ureba buri wese uri mu mudugudu udafite akazi ahemberwa kandi wifuza kujya muri gahunda yo guhanga imirimo

- Umushinga uzatangira muri **Gashyantare 2025** , uhere mu mudugudu w' Ingenzi, Akagari ka Bibare, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

- Abateganyijwe kwiyandikisha mu mushinga mu mudugudu w'Ingenzi bagera kuri 20.

**-3-Urugendo rwo guhanga imirimo: Ibyo Sayin Partners Ltd iteganya kugeza ku baziyandikisha muri gahunda yo guhanga imirimo**

Kwifashisha Abatoza/Abajyanama/Inararibonye

- Gufatanya mu kugaragaza icyuho ("gap") cyiri mu bumenyi/ubumenyingiro bw'abashaka imirimo ugereraranyije n'ibisabwa kw'isoko ry'umurimo ("jobs market requirements").
- Gukorana gahunda igamije kurangiza icyo cyuho ku buryo ubumenyi/ubumenyingiro bugera ku rwego rw'ibisabwa ku isoko ry'umurimo
- Mu buryo buzakoreshwa harimo kubashakira aho bimenyereza umurimo banabonera cyane cyane ubumenyingiro ("internship"), bikuzuzwa no gukurikiranwa n'abatoza n'inama z'inararibonye ("coaches and mentors").

Gukora ubushakashatsi n'imishinga bigamije guhanga imirimo ("researchers &developers")

- Kwiga uko isoko ry'umurimo rihagaze (Imirimo ikenewe muri iki kinyejana ndetse n'ahazaza: "future of jobs/work")
- Gukora imishinga hagendewe ku biboneka byabyazwa umusaruro biri mu mudugudu, mu nkengero zawo cyangwa ku mahirwe ari mu Karere/Uturere.
- Kureba ibitumizwa hanze y'igihugu bishobora gukorerwa mu Rwanda
- Gukorana n'abafatanyabikorwa mu kongerera agaciro ibihari, kunoza imikorere n'imikoranire ku buryo bizamura umusaruro bikongera n'umubare w'imirimo ihangwa.

**-3-**

**Urugendo rwo guhanga imirimo: Ibyo Sayin Partners Ltd iteganya kugeza ku baziyandikisha muri gahunda yo guhanga imirimo**

Kwegeranya ubushobozi bw'amafaranga azakenerwa

**1: Kubonera abazaba bari muri gahunda yo guhanga imirimo ibizaborohereza ("facilitation"**

**1,2M** Rwf/ buri mwaka cyangwa **100K** Rwf/buri kwezi kuri buri muntu
**24M** Frw/buri mwaka cyangwa **2M** Rwf/buri kwezi ku bantu 20

*Biteganyijwe ko ayo Frw azaturuka mu miryango y'abazaba bari muri gahunda, inshuti n'abaturanyi babo.*

**2: Amafaranga azishyura abatoza, abakora ubushakashatsi n'ibikorwa bya buri munsi**

**6M** Rwf: ikiguzi kuri buri muntu wanditse muri gahunda yo guhanga imirimo (mu mwaka)
**120M** Rwf: ikiguzi ku bantu 20) mu mwaka

40% : kwishyura abatoza n'inararibonye bazakurikirana abari muri gahunda yo guhanga imirimo.
40%: kwishyura abakora ubushakashatsi n' imishinga bifasha mu guhanga imirimo
20%: kwishyura ibikorwa bya buri munsi ("operating costs")

*Biteganyijwe ko ayo Frw azaturuka ku nkunga ibigo cyangwa abantu ku giti cyabo bazatera abazaba bari muri gahunda yo guhanga imirimo. Binateganywa ko hari abaziyemeza gushora imari mu mushinga.*

**Kwitura /Kwishyura ibyashowe mu guhanga imirimo**

Birakenewe kugira ngo hazaboneke ubushobozi bwo gukomeza gahunda no ku bandi bazaba babikeneye.

- **Ku bazabona akazi batatangira guhembwa cyangwa ku bazihangira imirimo bakagira ibikorwa bibinjiriza**

**(Hashingiwe ku masezerano bazaba baragiranye na Sayin Partners Ltd mbere yo gutangira gukorana muri gahunda yo guhanga imirimo)**

**Kwishyura nibura 3M Rwf buri muntu, hishyurwa nibura 10% ku mushahara.**

Urugero: kwishyura hagati ya 50,000 Rwf na 30,000 Rwf buri kwezi,ku ufite umushahara wa 300,000 Rwf (yayishyura hagati y'imyaka 5 n'imyaka 8 n'amezi 4

**Kwishyura 1.2M Rwf azaba yaratanzwe n'imiryango, inshuti , abaturanyi.**

Urugero: **20K Rwf /buri kwezi**, byafata imyaka 5

- **Kwitura Abafatanyabikorwa ba Sayin Partners Ltd**

**(Hashingiye ku masezerano bazaba barakoranye)**

**Mu bitaganyijwe harimo:**

- *GUHEREKEZA UWATANZWE N'UMUFATANYABIKORWA ATAMWISHYIRIYE MURI GAHUNDA YO GUHANGA IMIRIMO*
- *GUSANGIZA UBUMENYI/UBUMENYINGIRO ABATUYE MU MUDUGUDU CYANGWA BAWUTURIYE*
- *GUKORERWA IMISHINGA/N'IBINDI BIKORWA SAYIN PARTNERS IKORA NTAKIGUZI*
- *GUSHORA MU GUHANGA IMIRIMO/IMUSHINGA*
- *GUHABWA IMIGABANE MU MISHINGA IZABA YATEGUWE*

**-5-**

**Kunoza no kwagura  gahunda yo  guhanga imirimo**


- Kwagurira umushinga mu yindi midugudu
- Kwaguriria umushinga mu bindi bihugu
- Gutegura inyandiko y'umushinga yakwifashishwa n'abandi babyifuza,  irimo amasomo azaba yarigiwe mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo guhanga imirimo n'umusaruro uzaba waravuyemo.

- **Gukomeza kunoza umushinga**

  - Gukorana n'abandi bafatanyabikorwa hagamijwe gukomeza kwigira ku bikorwa neza ahandi no kubyinjiza muri gahunda yo guhanga imirimo
  - Gukomeza gukora ubushakashatsi hagamijwe no guhanga udushya bifasha mu  guhanga imirimo na cyane cyane hashingiwe ku mihindagurike y'isoko ry'umurimo.

## ISHUSHO Y'UMUSHINGA WO GUHANGA UMURIMO (JOBS CREATION MODEL: JCM)

APPRENTICES: **ABITOZA GUHANGA IMIRIMO/KWINJIRA KU ISOKO RY'UMURIMO//** MANAGERS&SUPPORT STAFF: **ABAKOZI BA SAYIN PARTNERS LTD//** COACHES&MENTORS: **ABATOZA N'ABAJYAMANA MU GUHANGA UMURIMO//**RESEARCHERS&DEVELOPERS: **ABASHAKASHATSI N'ABAKORA IMISHINGA MURI GAHUNDA YO GUHANGA IMIRIMO//**PARTNERS&STAKEHOLDERS: **ABAFATANYABIKORWA MURI GAHUNDA YO GUHANGA IMIRIMO//**SYNERGY OF EXPERTISE: **GUHURIZA HAMWE UBUMENYI/UBUMENYINGIRO N'UBUHANGA BW'IMPUGUKE ZITANDUKANYE//**SYNERGY OF FUNDING: **GUHURIZA HAMWE INKUNGA Y'AMAFARANGA//DECENT JOBS/EMPLOYMENT:** AKAZI KEZA, GAKWIYE /IMIRIMO MYIZA, IKWIYE// DESIGN: **GUTEGURA IBISABWA MU GUHANGA IMIRIMO//**DELIVERY: **KUGEZA IBYATEGUWE KU BARI MURI GAHUNDA YO GUHANGA IMIRIMO.**



# MURAKOZE!